# 351: Yemw' abahung' Umukiza

1. Yemw' abahung' Umukiza,Ni nd' ubirukana se Ariko ni We Mushumba Udushak' intama ze.

2. Nkuk' umwunger' ajy' ashakalyazimiye yose, Uko ni ko Yesu yaje Ngw adupfir' intama ze.

3. Mudatiny' ibyaha byanyu :Amaraso ya Yesu, Ayamenekeye twese; Ni y' abyeyura byose !

4. Naho byaba byinshi bite, Bikabaremera, Umukiza wacu Yesu Ntazabyibuk' ukundi.

5. Yemw' abifuz' ubugingo Butazashir' iteka, Ntimugir' undi musanga : Yes'arabiteguye !

6. Mwi gukund' ibyaha byanyu Kubirutisha Yesu, Kuko byatumy' adupfira, Ngo tubane mw ijuru.

7. Muzahabw' ibyiza byose Yadusezeranije, No kudapf iteka ryose : Muze, mwe gucikanwa

8. Ni Satani waduhumye :Twabay' ibiretwa bye. Noneho, turamucitse; Twitaby' Umucunguzi.

9. Yes' Umwami yatubwiye.At' Abaremerewe N'abarushye, muz' aho ndi, Mbaruhure byukuri !

10. Mwami Yesu, sinz' umunsiUzanjyana mw ijuru. Icyo nzi n' ukuba maso, Ng' unsange niteguye

11. Ubwo tuza,ger' i Wawe,Tuzanezerwa cyane, Twicaranye niwe, Yesu, Hamwe n'abakijijwe.

12. Mwami Yesu, singitinze ; Ubu, dore, nditabye. Nnejejwe n'ubwami bwawe; Tuzabane mw ijuru !

Visit us at burundi.indirimbo.com